ISOMO: IKINYARWANDA CY'UMUNYAMWUGA

IKICIRO: 4

ISHAMI: YOSE

UMWAKA W'AMASHURI: 2020

Intego: Umunyeshuri naramuka akurikiranye iri somo, kumpera yaryo agomba kuba:

- Azi gutandukanya amazina bwite n'amazina rusange. Kumenya amasano y'umuryango muri iyi ngeri y'izina.
- Azi imyandikire iboneye y'ikinyarwanda – m'ugutandukanya imikoreshereze y'utwatuzo mukoroshya imisomerwe y'inyandiko.
- Azi intégo y'izina mbonera gakondo no kurigeranjuramo uturemajambo ndetse n'amategeko y'igenamajwi yashobora gukomoka muri iryo geranjura.
- Azi ingeri z'ubuvanganzo ziriho no kuzibonamo mumikoreshereze.
- Kumenya ubuvanganzo bufatiye kumyuga inyuranye; imibereho yabyo hambere n'ubu.
- Gukoresha neza Ikinyarwanda munyandiko y'umurondore kubyerekeye ibungabunga ry'ibidukikije – Ubutabazi bw'ibanze no kurwanya no gukumira ibiyobyabwenge.
- Yakifashisha ubumenyi yigiye muri iri somo mugutekereza no kwandika muburyo butondetse k'ubwiza b'Uburinganire n'ubwuzuzanye m'umuryango.

IMBATA Y'ISOMO

1. **Inshamake kumateka y'ubunganzo Nyarwanda**
   - Ubuvanganzo Nyemvugo
   - Ubuvanganzo Nyandiko

2. **Zimwe mu ngeri z'ubuvanganzo Nyarwanda:**

   - Ingeri y'ubusizi
   - Ingeri ibyivugo
   - Imigani migufi
   - Imigani miremire
   - Ibisakuzo
   - Ikinamico
   - Isano hagati y'ubuvanganzo n'umurimo mu Rwanda: Bumwe mubuvanganzo bwari bufatiye kumyuga inyuranye.

3. Ikibonezamvugo:

   - Utwatuzo
   - izina: Bwite na rusange
   - Inteko z'amazina rusange
   - Uturemajambo tw'amazina n'amategeko y'igenamajwi
   - Amazina-sano mugisekuru I Rwanda

4. Imyandikire iboneye y'ikinyarwanda

   - Inyuguti nkuru
   - Utwatuzo

5. Ihimbamwandiko:

   - Ibice bigize umwandiko w'umurondore.
   - Ingingo zizandikwaho: Uburinganire – Kubungabunga ibidukikije – Kurwanya no gukumira ibiyobyabwenge – ubutabazi bw'ibanze.

<u>IMBUMBE YA MBERE</u>: **Gusobanukirwa n'ubuvanganzo no kwitoza kubukoresha usabana n'abandi**

INSHOZA: Ubuvanganzo ni ijambo ry'inyunge rigizwe n'amagambo abiri ariyo: **Kuva** =*guturuka* cyangwa *gukomoka* ndetse n'**inganzo** = *aho ababumbyi bakura ibumba*. Iryo jambo ariko ntirifite aho rihuriye n'ubububumbi busanzwe buzwi. Ashwi da! Rirerekeza kukurema wifashishije IJAMBO. Mundimi mvamahanga baryita ***Literature***.

Ubu buvanganzo rero bukaba bukurikira inzira ya muntu iyo ava akagera kuko butajya busigana n'ururimi ndetse n'umuco.

I. INCAMAKE KUMATEKA Y'UBUVANGANZO NYARWANDA

Haba mu Rwanda n'ahandi hari igihe hatariho uburyo bwo kwandika. Inyandiko rero yaje hanyuma ihindukira ubuvanganzo ububiko bw'agatangaza. Ibyo rero bitumye habako imigabane ibiri mumikorere y'ubuvanganzo ariyo: Nyemvugo na Nyandiko.

- **Ubuvanganzo Nyemvugo**: Ubu nibwo buvanganzo bukuru mu Rwanda ndetse no ku isi muri rusange. Bukaba rero ari ubuvanganzo bukozwe mumvugo gusa aho rubanda bahererekanya ibyo bahanze batanditse. Iki nicyo gihimba kinini cyaranza Ubuvanganzo bw'Iwacu n'ubwo aho inyandiko yadukiye bagerageje kwandika ibyakorwaga hagamijwe kubibika birambye. Ibyo ariko byarabukenesheje kuko ntibyari kwemera ko babona ibyakozwe byose uko byakabaye. Byinshi rero byahererekanwaga m'ubuvanganzo bw'iwacu twavugamo: Ibisigo – Ubwiru – Ibisakuzo – Ibyivugo – Ibisingizo – Imigani: miremire n'imigufi…
- **Ubuvanganzo Nyandiko**: Ubu ni ubuvanganzo bwadutse nyuma y'aho Abazungu baziye bazanye n'inyandiko. Uretse kwandika ibyari byarakozwe mugihe cy'ubuvanganzo nyemvugo rero, ubuvanganzo nyandiko bwakungaharishije ubuvanganzo bwacu Inkuru ndende n'Ikinamico. Ibindi byose ni ibyo twabonye muri Nyemvugo banditse. Abanditsi babaye rurangiranwa m'ubuvanganzo bw'iwacu twavuga ni nka:

1. **Padiri Alegisi Kagame**: yanditse *Inganji Karinga*, *Umuririmbyi wa Nyiribiremwa*, *Isoko y'Amajyambere*, *Indyoheshabirayi* n'ibindi byinshi yanditse mundimi z'Iburengerazuba.
2. **Musenyeri Aloys Bigirumwami**: Afatanyije na Padiri Baritazari banditse *Imimigani Miremire*, yanditse kandi *Imigenzo n'imiziririzo ya Kinyarwanda*, *Icara nkumare irungu*…
3. **Sipiriyani Rugamba**: Yanditse *Indirimbo* inyinshi zikaririmbwa n'Amasimbi n'Amakombe, *Cyuzuzo,* (La poésie face ά l'Histoire) n'ibindi byinshi.
4. **François X. Gasimba**: Yanditse *Indege y'Ubumwe Rwanda rw'Ubu*, *Isezera rya Kigeri* n'ibindi.
5. **Charles Kayumba**: Yanditse (*La poésie heroïque Rwandaise*) n'ibindi.

II. ZIMWE MUNGERI Z'UBUVANGANZO NYARWANDA

1. UBUSIZI:

Iyi ni ingeri yakungahaje bikomeye ubuvanganzo bw'urwa Gasabo. Ikaba yarakomotse k'Umugabekazi w'umutsindirano wa RuganzuII witwaga Nyirarumaga. Akaba ahanini yarayihangiye kugira ngo ibike amateka y'ingoma bityo umwami ajye ashobora kumenya neza amateka y'abami bamubanjirije.

Kubika amateka ariko sicyo cyabaye umumaro w'ubusizi gusa kukobanabusingirishaga ingoma iyi n'iyi. Bakabukoresha bahimbaza intsinzi k'urugamba cyangwa bafata m'umugongo umwami n'ingabo mugihe babaga batsinzwe urugamba.

Amoko y'ibisigo azwi m'ubusizi nyarwanda:

1. **IMPAKANIZI**: (**urugero**: *Ukwibyara*) Ni ibisigo byarataga ibikorwa by'abami ariko bikagenda bigira inyikirizo. Iyo nyikirizo ikajya iza uko barangije ibikorwa by'umwami runaka. Iyo nyikirizo rero akaba ariyo yitwa Impakanizi ari nayo nkomoko y'izina ry'ubwoko bw'ibyo bisigo.
2. **IBYANZU**: (**urugero**: *Naje kubara inkuru*) Ni ibisigo bisingiza abami bitagombye kubakurikiranya habe no gutinda kumazina yabyo. Nabyo rero bikagira inyikirizo

icyakora yo ikitwa icyanzu ari nayo nkomoko y'izina ry'ubwoko bw'ibisigo: IBYANZU.

3. **IKOBYO** cyangwa **IKUNGU**:(**Urugero**:*Naje kubika u Burundi*) Ni ubwoko bw'ibisigo bigiye umujyo umwe bitagabanyijwe n'inyikirizo.

IMPUGUKIRWA: Abasizi ahanini babaga mumiryango yabugenewe maze ikitwa INTEBE Y'ABASIZI. Wasangaga umusizi runaka yarabiragaga abana be maze bikaba uruhererekane bityo. Abasizi twavuga ni nka: **NyiraruganzuII Nyirarumaga, Nsabimana, Bagorozi, Karimunda, Musare, Nyakayonga, Singayimbaga, Muguta, Muhabura, Nyamugenda, Sekarama** n'abandi.

ICYITONDERWA: Kuri ubu ntabwo iyi ngeri igikoreshwa kuko mu Rwanda ntabami bagihari kuko bakuwe na Repuburika. Bityo rero ugerageje gutunganya icyakiswe igisigo kuko atagira uwo cyaturwa kitwa UMUVUGO.

2. **IBYIVUGO**: Ibi nabyo bitaretse injyana ihimbitse neza; byari ibisingizo by'ingabo aho rubanda bisingizaga ibigwi n'ibirindiro bagiye bagira k'urugamba uru n'uru. Umuntu yirataga ashingiye kubantu yabaga yarishe k'urugamba uru n'uru. Hakaba ubwo yabaga aragarukiye utsikiye mu isubira inyuma ry'ingabo k'urugamba, ubundi kandi akaba yakirata uwo yimanye k'urugamba umubisha amusumbirije. Ibi ahanini byari ibyo mugihe u Rwanda rwari rukiyubaka bahora muntambara bigarurira amaguhu yari akikije u Rwanda. Uyu munsi rero kuko Atari abantu bose batabarira igihugu ahari umuntu yasingiza ibindi bikorwa by'ubudashyikirwa nko kurusha abandi k'umurimo, ubutiganda mugikorwa iki n'iki n'ibindi.

<u>Amoko y'ibyivugo</u>:

- ✓ **ININGWA**: ni ibyivugo bigufi kandi bigiye umujyo umwe bikarangira bityo. **Urugero**: *Inshyikanya kumubiri.*
- ✓ **IMYATO**: Ni ibyivugo bibaye birebire m'uburyo bigenda bigabanwamo ibika kandi nyine ibyo bika akaba aribyo byitwa IMYATO. Kwata nko kuvuga kugenda ugabanyamo cyangwa ucamo ibice. **Urugero**: *Inkataza kurekera*.

IMPETA Z'UBUTWARI MU RWANDA RWO HAMBERE

Bitewe n'ubutwari umuntu yabaga yagize k'urugamba yashoboraga guhabwa Umudende – Impotore cyangwa Gucanirwa uruti.

a. **Umudende**: Ni impeta y'ubutwari yatangwaga nk'ingororano k'umuntu wabaga yabashije kwica abantu barindwi murugamba rumwe.
b. **Impotore**: Ni impeta y'ubutwari yagororerwaga uwishe ababisha cumi na bane murugamba rumwe.
c. **Gucanirwa uruti**: Aha ho rero umuntu yabaga yakabije ubudashyikirwa bityo hakorwaga umuhango rurangiranwa wo kumwerekana nk'intwari ndetse akaba anabaye by'umwihariko umwizerwa k'umwami yanamutuma aho ashatse akabyubahirwa. Uretse abyihitiyemo, uyu muntu ntiyasubiraga k'urugamba. Ahubwo yafataga igihe ibwami akuranwa n'abandi.

3. IMIGANI MIGUFI: Mu isobekarurimi habamo no gushaka kubwira umuntu byinshi mumagambo make. Aho rero bisaba gusobeka imvugo k'uburyo uwo uyibwiye ashobora no kudahita abyumva ako kanya bikamusaba gutekereza biruseho.

Zimwe mungero z'imigani migufi:

- *Utazi ubwenge ashima ubwe*
- *Ubuhake bwananiranye bukukisha umugabo ikijyaruguru*
- *Umwana w'undi abishya inkonda*
- *Ufite gisegura anaga ijosi*
- *Ushaka umushaka asanga umweko upfunduye*
- *Uwagumiwe n'amenyo ahagamwa n'amazi*
- *Ugumiwe n'urushako ishavu arigira impamba*
- *Ntugakangwe n'ibigo binini haba ibitunzwe n'ibibogeri*
- *Ntugakangwe na ndisize wenda yaba ari amasabano*
- *Uboneye ishyano mu ishyamba abaza inkima n'inkende*
- *Ubwira bwiriza ubusa*

4. **IMIGANI MIREMIRE**: Iyi yo iratandukana cyane n'iyo tubonye mubika bibanza kuko iba ari inkuru ndende kandi mpimbano ikavuga nyine ibitarabayeho. Akenshi iba yuzuye amakabyankuru. Imimaro yayo m'umuco nyarwanda ikaba ari iyo Gutarama, Guhugura no kwigisha. Nibwo bwari uburyo gakondo bwo kuyobora imyumvire ya rubanda uhereye mubuto.

   Amagambo atangira umugani: *Reka ngucire umugani nkubambuze umugani n'uzava ikantarange azasange ubukombe bw'umugani buziritse k'umuganda w'inzu. Harabaye ntihakabe, harapfuye ntihagapfe hapfuye imbwa n'imbeba, habaye inka n'ingoma. Ubusa bwaritse kunzira, umuyaga urabwarurira, uruvu ruravugiriza, agaca kacuranga, Nyiramusambi isabagirana inanga. Kera habayeho…,* Maze mugusoza ugasoresha *sijye wahera hahera umugani*.

ICYITONDERWA: Cyaraziraga mu Rwanda guca imigani kumanywa. Nyirantarengwa bashyiragaho ngo ni uko umuntu yashoboraga guhinduka umuserebanya. Ariko ikigaragara kandi nk'uko tubikesha Musenyeri Aloys BIGIRUMWAMI mugitabo yanditse cy'Imigani miremire, ngo byabaga ari ukugira ngo Kumanywa rubanda barangamire umurimo.

5. **IBISAKUZO**: Ni isobekeranya ry'amagambo rityaza intekerezo aho umuntu umwe asobeka amagambo undi agasabwa gupfundura ayo mapfundo agamije kumenyekanisha igitekerezo kihishe inyuma y'iryo sobeka.

   INGERO Z'IBISAKUZO:

USAKUZA: Sakwe sakwe	**UFINDURA: Soma**
Nshoye Gitare nkura Gaju	Umutsima w'amasaka
Icara nkubwire	Ivunja
Winkirigitira umukobwa ntiyamukoye	Ikijumba mu ihunge
Nyakubahwa arara munzu ubwanwa buri hanze.	Ikigori
Dore so arahise n'ibikote bibi	Ikivumvuri
Ca bugufi ngutume ikuzimu	Umugondoro w'igishyimbo
Nyirabugenge n'ubugenge bwayo	Inka kuba umukara igakamwa ayera.

ICYITONDERWA: Niba igisakuzo kikunaniye gufindura ugihindukiriza kuri nyiri ukukigusakuza umubwira uti: **Ngicyo** cyangwa uti **Kijyane**; uti **ndakiguhaye**. Nawe agaheraho akagisubiza.

6. **IKINAMICO**: Ubu ni uburyo bwo kwigana imibereho ya rubanda cyangwa ibikorwa by'abantu aba n'aba binyuze mugikino. Iyi mikino rero ihuruza benshi bakareba, bakumva, bagaseka; bakabivugaho ariko bakahavana isomo.

INTANGIRIRO Y'IKINAMICO:

Ntibyoroshye Ko hagira uwihandagaza ngo avuge inkomoko ya nyayo y'ikinamico k'uburyo abahanga bamwe bayiha intangiriro mumitima y'abantu b'amoko yose no mumyifatire yabo imbere y'abandi kuri iyi si.

Iyo dusuzumye inkomoko yavuba dusanga ikinamico yaratangiye ari imihango yo mumateraniro y'iyobokamana. Buhoro buhoro byagiye bihindura isura haza kuboneka indi mihango idafitanye isano n'iyobokamana. Icyakora, ikinamico yo mu Rwanda rwo hambere yashingiraga kungingo ebyiri:

- **Ingingo igendanye n'iyobokamana**: urugero: Kubandwa
- **Imihango idafite aho ihuriye n'iyobokamana**: Urugero: Imihango Y'ubukwe. Ubwo rero duhereye kuri ibi, turabona ko ikinamico y'I Rwanda irimo ibice bibiri:
  Ikinamico Gakondo Nyarwanda n'Ikinamico nshyashya.

A. IKINAMICO GAKONDO

Imiterere:

Iyi kinamico yahozeho na mbere y'uko tumenyana n'abazungu. Iyi kinamico yari iteye k'uburyo bubiri bunyuranye.

1. **Imihango yerekeye iyobokamana**: *Aha twavuga Imihango y'urwibutso(Guterekera abakurambere*, kubandwa n'indi mihango y'ubukwe nko guha abana amata*) ndetse n'imihango yo guhanura no guhanuza*(kuragura no kuraguza). *Iyi mihango kandi iruzuzanya m'ubusanzwe. Undi rero n'imihango yerekeye kubandwa*. Iyi nayo ikaba yari ifite aho ihuriye n'iyo twavuze haruguru.

2. **Imihango idafitanye isano n'iby'iyobokamana**: Aha twavuga nk'ubukwe n'imihango bijyana, ibyo ubunnyano, iminsi mikuru y'umuganura.

B. IKINAMICO NSHYASHYA: Amakinamico mashya yanditswe ni menshi cyane.

Imiterere: Abahanga muri iyi nganzo bemeza ko iba ikwiriye kubahiriza ibi bikurikira:

a. Inyabutatu: Ni ukuvuga igikorwa kimwe, kimara umunsi umwe n'ahantu hamwe.

b. Abakinnyi n'abakinirwa: Bose barakina ariko ntibakina kurwego rumwe; hari abakina kurusha abandi kubera umwanya bafite muri uwo muhango. Ibyerekeye umubare w'abakinnyi biraruhije kuwugena no kuwumenya.

Ibireba ubuhanga bw'imikinire ni ibya buri mukinnyi kugiti cye n'umutoza we ariko n'itorero ryose rikagira ubuhanga. Dufite ingero z'ababikenetse b'Abanyarwanda. Abo twavugamo nka:

- *Dismas MUKESHABATWARE*
- *AYIRWANDA(Bushombe)*
- *Silas MBONIMANA*
- *Hyacenta HABUKUBAHO*, n'abandi.

IMIHIMBIRE Y'IKINAMICO

Kimwe n'ubundi bwoko bw'imyandiko, ikinamico nayo isaba ko ubanza kuyikorera imbata:

Akamaro k'imbata: Imbata ifasha umuhanzi gukurikiranya neza ibitekerezo bye. Imufasha kandi no gushyira ibitekerezo bye m'umujyo unoze. Inkuru ye ikaryohera abayisoma n'abayumva. Kugira ngo bigerweho hitabwa kuri ibi bikurikira:

- Ururimi
- Abakinnyi
- Ikivugwa

A. Ururimi: Kumenya gutoraniriza buri mukinnyi imvugo imukwiriye.

Urugero: Imvugo y'umunyamugi itandukana n'iyo umunyacyaro; ujijutse n'injiji baratandukanwa; imvugo y'umukuru utandukanwa n'iy'umwana: gushaka imigani y'imigenurano, amagambo yabugenewe kukiciro iki n'iki cy'abaganira.

(*Umusore n'inkumi; umwana n'ababyeyi; abayoborwa n'abayobozi*;…)

B. Abakinnyi: Mu ikinamico ugomba kwirinda abakinnyi benshi b'imfabusa. Ugomba kugerageza kugabanya umubare w'abakinnyi kurwego ruto rushoboka.

Hanabaho ikinamico ikinwa n'abakinnyi babiri gusa.

Si byiza guha umukinnyi izina rihita ryumvikanisha icyo ari buhagararire m'umukino.

Urugero: Semakuba=Umunyabyago

Iribagiza= Umukobwa mwiza

Iyo izina ry'umukinnyi risobanura uko ateye icyo gihe uba ugabanyije amatsiko y'umusomyi, indorerezi cyangwa uteze amatwi.

Si na byiza kandi guha abakinnyi amazina y'amanyamahanga: ibi byo bikaba bijyanye no guhesha agaciro n'icyubahiro ururimi rwacu rw'Ikinyarwanda. Izina ry'irinyamahanga ryifashishwa iyo hari icyo ryungura nyine umusomyi kugisobanuro cy'ibivugwa(ubutumwa).

Urugero: Alisa, Yohana…

Uba ugomba gusimbuza amanyamahanga amanyarwanda, umuyisiramu ukamuha izina rye ry'idini, niba hari ibisobanuro ubona ryongera k'ubutumwa.

C. Ikivugwa:

- Kwirinda gutandukira
- Gukurikira neza nyirabayazana w'ikibazo.
- Gutondeka neza ibitekerezo.
- Kwitondera guhuza ikivugwa, ukivuga, aho akivugira n'igihe ukivugamo niba bijyanye.

ISANO Y'UBUVANGANZO N'UMURIMO

Ubuvanganzo bufatiye k'umwuga: Habaga ahanini imyuga yabaga ijyana n'ingeri z'ubuvanganzo ziyishamikiyeho. Iyo myuga twavuga nka Ubworozi bw'Inka n'Ubuvumvu (Ubworozi bw'inzuki), Ubuhigi, Ubusare n'ibindi.

a. <u>Ubworozi bw'inka</u>: Inganzo ifatiye k'ubworozi bw'inka niyo yagwaga muntege ubusizi Nyabami m'ugukomera bitewe cyane n'agaciro inka yari ifite mu Rwanda rwo hambere. Dore amwe mumoko y'ibihangano bifite aho bihuriye n'ubworozi bw'inka:

- **<u>Amahamba</u>**: abashumba baririmbira inka bacyuye

Urugero: Mu mihana itaha akaganda

Ubwo zibaye indengamimaro zose

Buke turebe uko abaswa bigira
Zirimo n'indi ngongo yacuze inkumbi
Yabyirutse ituzura n'amasibe
Yatunguye urugo rw'ihangu
Ubwo nyirarwo agiye gusohoka
Irimukubita mu ngata y'umugongo
Ngo urwo si uruti ni umugani

- **Amayumbu**: nayo ni nk'amahamba ariko afite inkomoko yo mu Bushi
- Hari izo bita **amabanga** cyangwa **amahindura** :baririmbira inka iyo zirisha bwa nyuma ngo zitahe.Ziba zirisha mu mabanga y'imisozi zihindura zitaha.Zagera mu nzira bakaziririmbira amahamba.
- **Inzira nziza:**baririmba bashoye.Bashoboraga no kuziririmba mu bitaramo bashoza inkera(bashora abagabo b'intwari ngo bivuge imyato).
- **Imyama** cyangwa **imyoma**: baziririmbiraga inka igihe barimo bazigishisha.
- **Ibyisigo** :ni indirimbo zisingiza inka n'amazi zinywa igihe barimo bazuhira.

b. Ubworozi bw'inzuki:

Nk'uko twavuze ko buri mwuga wagiraga inganzo yo kuwuherekeza no kuwusyagirira mumikorere, umwuga w'ubuvumvu nawo rero ntiwasigaye inyuma muri ibyo kuko abawukoraga bajyaga baririmbira inzuki amavumvu.

Amagambo y'ikeshamvugo k'ubuvumvu:

- Guhova
- Guhakura
- Kwagika/kwegeka
- Ibinyagu/Ibishashara
- Insinda
- Impuzo
- **Ikinyagu**: Igishashara kigenewe gushyirwamo ubuki

- **Intsinda**: Bimwe mubiba m'umuzinga bijya kuba nk'ubuki ariko butari bwo. Biba bifashe kandi bijya gusa n'umuhondo.
- **Urwenera/urucumbu/ ubujeni**: Ni ibyo inzuki zikoresha zihoma cyangwa zifatanya aho zishaka kuzibira.
- **Mpingwe**: Ni inzuki nini z'ingabo zifashishwa m'ukubangurira umwami kazi w'inzuki.
- **Iguma/Urwiru**: Umwamikazi w'inzuki.

c. **<u>Ubuhigi:</u>** Uyu mwuga waherekezwaga n'ingeri y'ubuvanganzo inyuze m'uburyo bunyuranye. Bimwe mubyavugwaga twavuga nka:

- **Imyasiro**: Ni ibyidogo abahigi basaga n'abavuga urwanamiza cyangwa baririmba bishimira umuhigo.
- **Amahigi**: Aha naho umuhigi aririmba imivugo isingiza impigi yishimira n'umuhigo. Ibi byidogo byombi akenshi biherekezwa n'ikondera.

Intwaro bahigishaga:

- Umuheto
- Icumu
- Igisongo cyangwa ubuhiri.
- **Impigi/intozo**: Imbwa zabitorejwe. Izi mbwa kandi bazambikaga amayombo (amayugi/inzogera) bizifasha kuvumbura.

d. **Ubusare:** uyu wari umwuga wo kwambutsa abantu mumigezi n'ibiyaga. Ubwato bwarubahwaga kandi ikibonezamvugo cyakoreshwaga kubikoresho gakondo byubahwa nabwo cyabukoreshwagaho.

Urugero nk'ijwi ryabwo hejuru y'amazi baryita **kuvumera**. Kugera kumwaro babyita **gutsika**. Kubujyamo bakabyita **kwikira**. Guhinda amazi uyerekeza inyuma ngo bugende babyita **Kugashya** cyangwa **kuvugama**. Igikoresho bagashyisha bakakita **ingashya** naho umunyamwuga wabyo akamwita umusare; ubwo ni ukuvuga uwambutsa abantu.

Inganzo ikoreshwa hano ni ukuburirimbira **amasare**.

e. **Indi mirimo inyuranye** : Imirimo inyuranye ndetse n'ibikoresho bigira inganzo yo kubivugira ariko ahanini igamije gutuma umurimo wihuta. Ibyo ni ibyidogo. Umuntu ubivuga ajya imbere y'ukora maze akajya abimuvugira kugira ngo yoye kumva umunaniro.

Habaho rero :

IBYIDOGO bya :

- **Isuka :** ubivuga ajya imbere y'abahinzi aatemurura cyangwa atongora ; ashobora no kuba ari inyuma akora imbagara maze akavuga ibyidogo by'isuka.
- **Urusyo** : Uko bikorwa kubahinzi ni nako bikorwa kubasya. Aha ni nk'igihe banzikiye ubukwe cyangwa hari igikorwa kirekire.
- I**sekuru** : Haba ubwo abantu basekuye badidibuza. Maze umwe akajya avuga ibyidogo by'isekuru. Maze umurimo ukajya mbere muri ubwo buryo.
- Ahandi henshi hakenera iyi nganzo ni nko m'**ubucuzi /bavuguta** n'ibindi.

<u>IMBUMBE YA KABIRI</u>: **Gukoresha ikibonezamvugo mukinyarwanda kiboneye.**

I. Inshoza y'izina mbonera gakondo :

Izina mbonera gakondo ni izina izina risanzwe m'ururimi rw'Ikinyarwanda atari amatirano. Hari amazina twita gakondo n'andi y'amatirano ; ni ukuvuga ayo ururimi rwatiye cyangwa rwahashye muzindi ndimi.

Urugero :

- Umuhungu
- Amazi
- Umuriro
- Kalisa, …

Amazina y'amatirano :

Ingero :

- Ishati rikomoka kucyongereza « Shirt »
- Ishuri rikomoka kukidage « Schule »
- Imodoka rikomoka kucyongereza « motor-car »
- Umushoferi, rikomoka kugifaransa "chauffeur"
- Isaha, rikomoka ku giswahili "saa"
- Ikaye, rikomoka kugifaransa "cahier"

<u>Uturemajambo tw'izina mbonera rusange</u>:

Izina mbonera gakondo rigirwa n'ibice bitatu

- Indomo
- Indanganteko
- Igicumbi

a. INDOMO (D)

Indomo ni akaremajambo kagizwe n'inyajwi iterura izina(ibanziriza izina). Izina rishobora gutakaza indomo iyo ritangiriwe n'impakanyi NTA cyangwa ukarikoreshaho akajambo kabaza KI. Ushobora no kwifashisha amagambo ahamagara YEWE, MBE, WA…..WE, cyangwa ikinyazina ndafutura NDI.

Ingero:

- Inka…….**<u>Nta</u>**nka
- Ikibindi……**<u>Nta</u>**kibindi
- Urudodo……..Rudodo **ki**?
- Umugore……..Mugore **<u>ki</u>**?
- Umwana……**<u>Mbe</u>** mwana **<u>wa</u>**?
- Umugabo……..**<u>Wa</u>** mugabo **<u>we</u>**?
- Umuja……**<u>Undi</u>** muja.
- Abahinzi……**<u>Mwa</u>** bahinzi **<u>mwe</u>**?

ICYITONDERWA:

Uturemajambo twagiye dutakara ari two I, U, na A; ni Indomo.

b. IGICUMBI (C)

Iyo ugoragoje izina mbonera uritubya uritubura, ugashyira mubwinshi no m'ubumwe; mbes ukarigaragura; hari agace karyo kagenda kagaruka bityo kakitwa IGICUMBI.

Urugero:

- Umuntu: abantu – utuntu – uruntu – ikintu

Nurora urasanga **ntu** yakomeje kugaruka. Ahari reka twongere dufate urundi rugero:

Umwari: **Abari – utwari – urwari**

Nanone **– ari** yakomeje kugaruka. Bivuze ngo mungero zacu **– ntu** na **–ari** ni ibicumbi by'ayo magambo.

c. INDANGANTEKO (RT)

Iyo umaze kugoragoza ukabona indomo ndetse n'igicumbi, akaremajambo gasigara hagati ya y'utundi kitwa Indanganteko. Kakaba ari ko kamenyesha inteko ijambo rihererereyemo

INTEKO Z'AMAZINA MBONERA RUSANGE:

1. –mu- : iranga umuntu m'ubumwe. *Urugero*: U-**mu**-kobwa
2. –ba-: ivuga abantu m'ubwinshi. *Urugero*:a-**ba**-kobwa
3. –mu-: iranga ibintu m'ubumwe. *Urugero*:u-**mu**-hini
4. –mi- : iranga ibintu m'ubwinshi. *Urugero* : i-**mi**-hini
5. –ri- : iranga ibintu m'ubumwe. *Urugero* : i-**ri**-riba
6. –ma- : iranga ibintu m'ubwinshi. *Urugero* : a-**ma**-riba iyi nteko ariko niyo ahanini iranga ibintu bisukika. *Urugero* :a-**ma**-raso
7. –ki- : iranga ibintu m'ubumwe. *urugero*: i-**ki**-bindi
8. –bi- : iranga ibintu mubwinshi. *urugero* : i-**bi**-bindi
9. –n- : iranga ibintu/amatungo n'inyamaswa m'ubumwe. *Urugero* :i-**n**-koko

10. –n- :iranga ibintu/amatungo n'inyamaswa m'ubwinshi. *Urugero* : i-**n**-koko
11. –ru- : iranga ibintu m'ubumwe ariko ubwinshi bw'ayo magambo bugafata munteko ya cumi. *Urugero* : u-**ru**-go
12. –ka- : iranga ibintu ndetse n'abantu bapfobejwe/ batubijwe. *Urugero* : a-**ka**-nyoni/a-**ka**-gabo
13. –tu-: iranga abantu/ibintu byapfobejwe/ byatubijwe m'ubwinshi. *Urugero*: u-**tu**-nyoni/ u-**tu**-gabo.
14. –bu- : iranga ibitekerezo byahawe amazina. *Urugero*: u-**bu**-enge/u-**bu**-gabo
15. –ku- : iranga ibice by'umubiri. Ibyo bice m'ubwinshi bifata inteko ya gatandatu. *Urugero* : u-**ku**-boko
16. –ha- : ikoreshwa gusa mu ijambo rimwe gusa no mumpindurantego zaryo. *Urugero*: a-**ha**-ntu

ICYITONDERWA: Mu ishaka ry'uturemajambo tw'amazina haba ubwo dusigarana ibice bitasubirana ngo bigarure rya jambo tuba twahoranye. Iyo bimeze bityo hari amategeko agena uburyo ayo magambo yashobora gusubira uko yahoze akitwa **amategeko y'igenamajwi**.

Zimwe mungero z'amategeko y'igenamajwi:

1. Umwami> u-mu-ami >u→wa/-j
2. Inzara> i-n-yara>y→z/n-
3. Inzabya> i-n-abya> n*→nz nt10(ibicumbi bifata **Z** munteko ya cumi)
4. Inanga>i-n-nanga>n→Øn-
5. Ibyatsi>i-bi-atsi >i→y/-j
6. Igikari>i-ki-kari >k→g/-GR
7. Indwara>i-n-rwara > r→d/n-
8. Imboga>i-n-boga >n→m/-b
9. Udushyimbo>u-tu-shyimbo >t→d/-GR
10. Imfizi>i-n-pfizi>n→m/-p p→f/m-

<u>IMBUMBE YA GATATU</u>: Gukoresha inyuguti nkuru n'utwatuzo mumyandikire.

a. INYUGUTI NKURU

Mukinyarwanda inyuguti nkuru zikoreshwa aha hakurikira:

- Muntangiriro y'interuro
  Urugero: Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge

- Nyuma y'akabago, akabazo n'agatangaro
  Urugero :Twese twijukire kujijuka. Ubwo se wabishyikira ute utazi gusoma ? Yewe ! Byasa no kwikirigita ugaseka ! Ahari nicyo umuntu yaheraho.

- Kunyuguti zitangira amazina y'amezi
  Urugero : Ubu Kanama iri gushyira Nzeri.

- Kumazina y'abantu n'ahantu
  Urugero : Rutikanga akomoka i Karenge ariko agakorera i Kabale.

- Inyuguti zitangira amazina y'imirimo, Inzego ndetse n'Amashyirahamwe.
  Urugero: Minisiteri y'Uburezi – Umuryango Gatolika w'Abakozi.

- Inyuguti itangira inzego z'icyubahiro gishingiye kumashuri, ubwenegihugu n'icyubahiro
  Urugero: Papa Yohani PawuloII – Abarundi ni abaturanyi bacu – Dogiteri Rugengande ni umuhanga.

b. UTWATUZO

Utwatuzo ni utumenyetso tutari inyuguti dukoreshwa munteruro kugira ngo usoma cyangwa uvuga aruhuke cyangwa turange ubwoko bw'iyo nteruro.

Amoko y'utwatuzo:

Ubusanzwe utwatuzo tubamo ibice bibiri ari byo utwatuzo dusoza interuro n'utwatuzo two hagati munteruro.

a. **Utwatuzo dusoza interuro** : *Akabago*, *akabazo* n'*agatangaro*.

a.1 Akabago(.)

Aka ni akatuzo gasoza interuro yemeza yaba ihamya cyangwa ihakana.

Ingero :

- Umwami ni Imana akabonwa n'indi.
- Impinja ntinywesha ibisindisha.
- Umunyeshuri mwiza si ukubagana mu ishuri.
- Ntarutugu rukura ngo rusumbe ijosi.
- Isuka ni intwaro yo guhashyisha ubunebwe.

a.2 Akabazo(?)

Aka katuzo gakoreshwa m'ukubaza ibibazo.

Ingero :

- Kuki umuntu abyukana ingonera ?
- Iyi myubakire ni bwoko ki ?
- Hari ibitabo ufite ra ?
- Mbese Rwamba ntarataha ?
- Uzajya i Masaka ryari ngo nkwitumire ?

a.3 Agatangaro (!)

Aka nako gashyirwa kumpera y'interuro itangara.

Ingero:

- Arankunda mba nkuroga!
- Mbega imvura Ryumugabe weee!
- Ye!Ye!Ye! Aka ni agasuzuguro mba nambura Data!
- Umva ako karirimbo mama we!

b. Utwatuzo two hagati munteruro: *Akitso*, *akabago n'akitso*, utubago tubiri, akanyerezo, udukubo n'udusodeko.

b.1Akitso (,)

Aka gashyirwa hagati munteruro ndende, bagira ngo baruhuke gato ariko igitekerezo kigikomeza. Gashobora ariko no kwifashishwa gatandukanya urutonde rw'ibirondorwa.

Ingero:

- Ndashaka ko ujya kungurira ibi bikurikira: isafuriya, amasorori, amasahani, imidaho n'ibiyiko.
- Umunyeshuri ushaka kwunguka ubwenge, yirinda gusiba ishuri, akarorera gukererwa, agatega amatwi umwigisha.

Akitso kandi gashobora gusimbura ijambo munteruro igihe nyiri ukuvuga arimize.

Urugero: Yagiye m'urukerera; jye, saa yine.

b.2 Akabago n'akitso(;)

Aka kajya hagati y'interuro irimo ingingo ebyiri z'imbangikane. Gashobora gusimbuzwa ibyungo(ariko, naho,ahubwo…)

Ingero:

- Abanyeshuri b'ino ni abahanga; abacu ni abo gusakuza gusa.
- Gusoma neza si ukudondobekanya amagambo ; ni ukwumva ibyo usoma.

IMBUMBE YA KANE : Kumenya amazina-sano yo m'umuryango i Rwanda

AMASANO YO M'UMURYANGO

ISANO	**NYAKUVUGA**	**NYAKUBWIRWA**	**NYAKUVUGWA**
Umubyeyi w'umugabo	Data	so	Se
Umubyeyi w'umugore	Mama	nyoko	Nyina
Umuvandimwe muhuje igitsina	- Murumuna(uwo ututa) - Mukuru(ukuruta)	-	-
Umuvandimwe mudahuje igitsina	- Mushiki(iyo ari umukobwa) - Musaza(iyo ari umuhungu)	-	-
Se wa so cyangwa wa nyoko	Sogokuru	Sogokuru	Sekuru
Nyina wa so cyangwa wa nyoko	nyogokuru	nyogokuru	Nyirakuru
Sekuru wa so cyangwa wa nyoko	Sogokuruza	Sogokuruza	Sekuruza
Mushiki wa so	Nyogosenge	nyogosenge	nyirasenge
Musaza wa nyoko	Marume	nyokorome	nyirarume
Mukuru cyangwa murumuna wa so	Data wacu	So wanyu	Se wabo
Murumuna cyangwa mukuru wa nyoko	Mama wacu	Nyoko wanyu	Nyina wabo
Murumuna cyangwa mukuru w'umugore wawe	Umugore wacu	Umugore wanyu	Umugore wabo
Musaza	Muramu	-	-

w’umugore			
Mushiki w’umugabo wawe	Muramukazi	-	-
Umwana wa musaza wawe	Umwisengeneza	-	-
Umwana wa mushiki wawe	Umwishywa	-	-
Umwana wa nyogosenge	Umubyara	-	-
Umwana wa nyokorome	Umubyara	-	-
Umugabo w’umukobwa wawe	Umukwe	-	-
Umugore w’umuhungu wawe	Umukazana	-	-
Se w’umugore cyangwa w’umugabo wawe	Databukwe	sobukwe	sebukwe
Nyina w’umugore cyangwa w’umugabo wawe	Mabukwe	nyokobukwe	nyirabukwe
Abayeyi b’umukwe cyangwa b’umukazana wawe	Bamwana	-	-
Uwo mwashatse m’umuryango	Musanzire	-	-

umwe			

Icyitonderwa: imyanya irimo utunyerezo biravuga ko babivuga nk'uko byavuzwe m'umwanya wa nyakuvuga.

IMBUMBE YA GATANU: Ihimbamwandiko

Ihimbamwandiko ni ukwandika utanga ibitekerezo kunsanganyamatsiko runaka.

Imyandiko iri ukubiri:

- Tugendeye kumigaragarire, tubona umwandiko w'indondore cyangwa wanditse m'uburyo buhurutuye.
- Hari kandi umwandiko wo m'uburyo bw'umuvugo: m'uburyo bw'imikarago.

Imbata y'umwandiko:

Umwandiko utondetse neza uba ugizwe n'ibice bitatu aribyo: intangiriro, igihimba n'umusozo.

Intangiriro

Intangiriro isa n'itwinjiza mubigiye kuvugwa m'umwandiko binyuze m'ukudusobanurira insanganyamatsiko. Iki nicyo gice gitangira umwandiko kikaturangira muri make ingingo zigiye kuvugwaho. Iki gice haba n'ubwo bakita "IRIBURIRO".

Igihimba

Mugihimba bavuga inkuru cyangwa umwandiko mumagambo arambuye. Nicyo gice cya kabiri. Aha uwandika yiva imuzingo akavuga uko atekereza insanganyamatsiko, akerekana icyo abandi bavuga kuri iyo nsanganyamatsiko. Burigitekerezo kijya mugika cyihariye. Bitewe n'uko ingingo zirambuka neza muri iki gice hari n'ubwo bakita "INDAMBURANGINGO".

Umusozo

Umusozo nicyo gice gisoza umwandiko. Mu isoza batanga umwanzuro kucyo bandikagaho. Uyumusozo kandi ugaragara nk'inshamake y'ibyavuzwe mugihimba. Muri ubwo buryo

uwandika ashobora kuvuga aho ahagaze kungingo yanditsweho; yanatanga inama ndetse. Ikigice bamwe bakita “UMWANZURO”.

Amabwiriza arebwaho mu ihimbamwandiko

- Kumva insanganyamatsiko mbere ya byose
- Uwandika atanga ingero z’ibitekerezo adatandukiriye insanganyamatsiko
- Gukusanya ibitekerezo byerekeranye n’insanganyamatsiko
- Kumenya gutondeka ibitekerezo uko bikwiye
- Kumenya gukurikiranya ibika ukurikije itondeke ryiza ry’ingingo.
- Kwita kumategeko y’imyandikire inoze y’Ikinyarwanda.
- Umutwe w’umwandiko wandikwa witaruye ibindi bice, ugacibwaho akarongo cyangwa ukandikwa munyuguti nkuru.
- Utwatuzo nitwo dutuma umwandiko usomekera neza uwusoma bityo tugomba kwitabwaho kudakebakeba.
- Uhimba yirinda rwose interuro nyobyamvugo ndetse n’izikocamye.
- Amagambo y’izindi ndimi atashyizwe m’ururimi rw’Ikinyarwanda yandikwa ashyizwe m’udukubo.
- Uretse impine zizwi k’uburyo zahindutse nk’amagambo asanzwe; uwandika yirinda cyane gukoresha impine.
- Si byiza na gato kuvanga imibare n’amagambo uretse nko kwandika imyaka.
- Uwandika yirinda gusiribanga cyangwa kwandika asubizamo ikaramu.

<u>INYANDIKO Z’IFASHISHIJWE</u>

J.L NGABIRE *Ikaye y’umunyeshuri/Ishami ry’indimi*/APPEGA GAHENGERI 2005-2006

IKINYARWANDA/*Igitabo cy’umunyeshuri* 1/REB 2012-2013

B. NIYOYITA *Ubuvanganzo Nyarwanda*/2015-2016